# GUSASIRA

**Nigute gusasira bikorwa neza?**

- ✓ Isaso ishyirwa mu ikawa, ariko ntiyegerezwe igiti. Siga cm10 uvuye kuruti rwa kawa
- ✓ Iyo isaso yegerejwe uruti, ikurura imiswa .
- ✓ Isaso isyhirwa mu ikwa itambitswe kugirango igabanye umuvuduko w'isuri igihe kawa itewe ahantu hahanamye.

**Igihe cyiza cyo gusasira ni :**

- ➢ Nyuma yo kubagara.
- ➢ Mbere yo gucika ku imvura ubutaka butarumagara
- ➢ Sasira kare hakirimo ubuhehere kugirango ubuhehere budashira mu butaka.
- ➢ Igihe cyoza cyo gusasira ni mbere y'uko imvura icika, isaso itangiye kuboneka kandi ubutaka bukirimo ubuhehere.
- ➢ Mu Rwanda, iki gihe ni muri Gicurasi n'intangiriro za Kamena.

**Akamaro ko gusasira**

- ➢ Isaso irinda isuri
- ➢ Isaso ibika amazi mu butaka
- ➢ Isaso irabora ,ikongera imborera mu butaka ,
- ➢ Gusasira ibiti bya Kawa bifite akamaro kenshi mugukura neza kwa kawa , igatanga umusaruro mwiza kandi mwinshi mugihe kirambye.

**Ibihingwa-fumbire** bikora umurimo umwe n'uw'isaso bikagira akarusho ko gukururira azote yo mukirere mu butaka.




